# IKU

**ISOKO YO KURAMA**

Reg. 000256|RGB|NGO|LP|08|2025

*Agatabo k' Amahugurwa*

# Guteza Imbere Umuco Nyarwanda



## Intangiriro

Umuco nyarwanda ni isoko y'ubumuntu, indangamuntu yacu n'isura igihugu cyacu cyiyerekana mu mahanga.

Ni umurage dusigiwe n'abakurambere, udusaba kuwubungabunga, kuwutoza urubyiruko no kuwuteza imbere.

## Intego z'aka gatabo ni:

Gukangurira urubyiruko gukunda no gusigasira umuco.

Gutanga inama ku bagore, abagabo n'abana ku ruhare rwabo mu kurinda umuco.

Gushyigikira ibikorwa bya **Isoko yo Kurama (IKU).** nk'umufatanyabikorwa urambye.

## Uko Umuco Nyarwanda Ubarirwa Mu Mateka

Abakurambere bacu basigaje umurage mu mvugo, imigani, indirimbo, imbyino, imyambarire n'imigenzo.

Amateka agaragaza ko umuco ari wo wubakiyeho ubuyobozi, ubumwe n'iterambere ry'abanyarwanda.

Umuco ni wo watumye u Rwanda ruhangana n'ibihe bikomeye, rukabasha gusigasira ubumwe n'ubusugire.

## Akamaro k'Umuco ku Gihugu

Uhuza abaturage bose mu bumwe n'ubwiyunge.

Usigasira indangamuntu y'igihugu mu ruhando mpuzamahanga.

Ufasha igihugu gukurura ubukerarugendo bushingiye ku muco.

Uteza imbere ibikorwa by'ubuhanzi n'ubukorikori bigira uruhare mu bukungu bw'igihugu.

## Umuco mu Buzima bw'Urubyiruko

Urubyiruko ni abarinzi b'ejo hazaza.
Iyo bakura bakunda umuco, birinda ibiyobyabwenge n'ingeso mbi.

Umuco ubatoza gukunda igihugu, guharanira indangagaciro z'ubupfura, ubutwari n'ubudahemuka.

Uruhare rwabo ni ingenzi mu kumenyekanisha umuco biciye mu ikoranabuhanga
(media, imbuga nkoranyambaga, filime, umuziki).

## Umuco n'Abagore

Umugore ni umutima w'umuryango:
ni we uharanira ko indangagaciro z'umuco zishyikirizwa abana.

Uruhare mu bukorikori, ubudozi, ubukerarugendo bushingiye ku muco rugaragaza ubushobozi bwabo.

Umuco uha umugore agaciro mu buyobozi,
mu burezi n'ubuzima bwose.

## Umuco n'Abagabo

Umugabo asabwa kuba umurinzi w'indangagaciro n'umuco w'igihugu.

Uruhare rwabo ni ingenzi mu kubaka amahoro, ubumwe n'iterambere rishingiye ku muco .

Kuba urugero rw'ubutwari, ubudahemuka n'ukuri bigaragaza isura y'umuco nyarwanda.

## Umuco n'Abana

Abana ni bo bazasigasira igihugu mu bihe bizaza.

Bagomba gutozwa indangagaciro z'umuco hakiri kare:

kumenya imigani, imivugo, imbyino, indirimbo n'imikino gakondo.

Umuco ubatoza gukunda igihugu no kubaha ababyeyi n'abakuru.

## Umuco n'Ubumwe by'Abanyarwanda

Umuco nyarwanda ushingiye ku ndangagaciro z'ubwubahane, ubumwe n'ubudahemuka.

Ni wo musingi w'isanamitima n'ubwiyunge bw'igihugu nyuma y'amateka mabi twanyuzemo.

Kugendera ku muco ni uguha agaciro ubumwe bwacu.

## Umuco n'Iterambere

Umuco ni isoko y'ubukungu binyuze mu bukorikori, ubuhanzi n'ubukerarugendo.

Gukoresha umuco mu bikorwa by'iterambere bitanga imirimo ku rubyiruko.

Umuco ni ishingiro ry'udushya mu myambarire, imiziki n'ubuhanzi bikurura amahanga.

## Inama ku Rubyiruko

Kwigirira ishema mu muco: mu kwambara, mu kuvuga, mu ndangagaciro.

Kwitabira amarushanwa y'ubuhanzi n'imurikabikorwa by'umuco.

Gukoresha ikoranabuhanga mu kumenyekanisha umuco aho kuwutesha agaciro.

Gusoma ibitabo by'umuco, kwandika no gusangira ubumenyi n'abandi.

## Inama Rusange ku Banyarwanda

Gukunda no gusigasira ururimi rw'Ikinyarwanda.

Kunoza umuco w'ibiganiro n'ubwiyunge mu muryango.

Gushyigikira ibikorwa by'ubuhanzi, ubukorikori n'imurikabikorwa by'umuco.

Kwifatanya na **Isoko yo Kurama (IKU)** mu bikorwa birambye byo kwimakaza umuco nyarwanda.

## Umwanzuro

Umuco nyarwanda ni umurage w'ingenzi kandi ari **Isoko yo kurama(IKU).**

Kugusigasira no kuwuteza imbere ni inshingano za buri Munyarwanda.

Iyo dukundisha urubyiruko umuco, tugira igihugu gifite icyerekezo, kigira agaciro imbere y'amahanga kandi gitera imbere.

*Umuco ni wo mutima w' Igihugu.*



Email: isokokurama@gmail.com

+250 788 788 234

Isoko yo Kurama

